INYANDIKOMVUGO Y'URUGENDO NYOBOKAMANA RWAKOZWE N'ABAKATESHISTE BA ZONE PASTORALE YA KIBUYE KU MURWA WA BIKIRA MARIYA I CONGO-NIL
KU ITARIKI YA 10 KUGEZA KU YA 12 GICURASI 2013

Ku itariki ya 10 kugeza ku ya 12 Gicurasi 2013, abakateshiste bo muri Zone Pastorale ya Kibuye bakoze urugendo-nyobokamana berekeza ku murwa mutagatifu wa Bikira Mariya i Congo- Nil. Uru rugendo rutagatifu rukozwe mu mwaka w'ukwemera tugezemo hagati :
Urugendo rwafashije buri muntu warwitabiriye mu gusabana n'Imana mu isengesho (asingiza Imana, anayishimira, yisabira we ubwe anasabira kandi isi yose muri rusange).

Igice kinini cy 'uru rugendo cyakozwe ku maguru ; kuko abaturutse Kibingo, Gisovu, Kibuye, Birambo, Mukungu na Nyange bahuriye ku kibuga cya Mbonwa i Rubengera berekeza i Congo-Nil n'amaguru. Abaturutse muri paruwasi ya Murunda na Mushubati ndetse na Congo-Nil nabo bakoze uru rugendo n'amaguru nk'uko byari byarumvikanyweho.

Muri uru rugendo habayeho guhongerera ibyaha no kwigorora n'Imana.

Urugendo kandi rwatumye abakateshiste bamenyana kandi barasabana ndetse runatuma bongera gutekereza kurushaho ku butumwa bafite muri Kiliziya. Babifashijwemo n'inyigisho nziza kuri Bikira Mariya urugero mu kwemera no mu iyogezabutumwa bahawe na Padiri Tadeyo MUSABYIMANA ushinzwe Iyobokamana mu Karere k'iyogezabutumwa ka Kibuye mu mwiherero bakoze ku munsi wa kabiri nyuna y'urugendo ndetse no guhabwa isakaramentu rya Penetensiya, Padiri yasobanuriye abakateshiste uburyo:

- Bikira Mariya ari umuntu wakira ijambo ry'Imana akarizirikana, akanarikukiza rikamuyobora ;
- Bikira Mariya yari umuntu usenga ;
- Bikira Mariya ni umuntu ukurikira Yezu Kristu akanamwamamaza ;
- Bikira Mariya ni umuvugizi wacu ;

Inyigisho yatangiwe muri Kiliziya ya Puwasi Kongo-Nil no mu nzu-mberabyombi y'iyo Paruwasi. Inyigisho yatanzwe mu bice bibiri itangwa na Padiri Tadeyo MUSABYIMANA kandi mu buryo bw'isengesho ryuzuye umutuzo.

Abakateshiste bitabiriye isengesho

Muri Shapeli yitiriwe Bikira Mariya Umubyeyiwabakene no ku musozi wa Kaluvariyo abakateshiste bitoje gusenga mu mutuzo.

- **Misa yo kuwa 10/04/2013 ku mugoroba**

Abakateshiste baturutse mu maparuwasi 9 kimwe n'abo mu nkambi ya Kiziba, bamaze kwakirwa na bagenzi babo ba Paruwasi Crête-Congo-Nil bahimbaje igitambo cy'Ukaristiya cyatuwe na Padiri Tadeyo ari kumwe na Padiri Epimaque NAYIGIZIKI wari urangaje imbere abakateshiste ba paruwasi ya Kibingo ayobora. Mu nyigisho yatanzwe na padiri Thaddée, ahereye ku masomo matagatifu yo kuwa 5 w'icyumweru cya 6 cya Pasika dusanga mu:

Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa 18, 9-18; na Zaburi ya 47 (46); Ivanjili ya Yohani 16, 20-23a, yibukije ko abakateshiste kimwe na Purisila na Akwila ari abafasha b'intumwa ku buryo bwa hafi. Abakateshiste bafasha abasaseridoti muri byinshi ku buryo umurimo wabo ari indasimburwa. Abakateshiste baritanga aho mu Miryangoremezo, iy'Agisiyo Gatolika n'amakoraniro y'abasenga; muri Santarali, ariko cyane cyane ni abagabuzi b'ijambo ry'Imana aho bamamaza Kristu mu bigishwa b'ingeri zose no mu bagarukiramana. Nka Pawulo Mutagatifu abakateshiste ntibagomba gutinya ibiterabwoba by'iki gihe, ahubwo bagomba gukomeza kwamamaza Inkuru Nziza ya Yezu Kristu; ntibagomba kuyiceceka, ahubwo bagomba guhora bizera Yezu Kristu ubabwira ati "*Ndi kumwe nawe kandi nta n'umwe uzahangara kukugirira nabi*" (Intu 18, 10). Abakateshiste na none bibukijwe ko kimwe n'intumwa ni yo byaba ngombwa ko bababazwa, Yezu yatsinze isi ko ntawe uzabavutsa ibyishimo Kristu atanga.

- **Misa yo kuwa gatandatu, kuwa 12/04/2013**

Muri iyi misa yabimburiye umunsi nyirizina w'urugendo rutagatifu, amasomo yifashishijwe ni Intu 18, 22-28 ; Z 47 (46) ; Yh 16, 23b-28. Padiri mu nyigisho ye, yerekanye ko nubwo turi abakateshiste dufite ibyo tuzi ariko duhamagarirwa gukomeza kwiga no kwihugura kugira ngo tugire icyo twungura abo twigisha. Apolo yari afite ishyaka ryo kwigisha ndetse akagira n'ubuhanga, ariko byabaye ngombwa ko Purisila na Akwila bamujyana iwabo « *bamusobanurira kurushaho inzira y'Imana* » (Intu 18, 26). Amaze gusobanukirwa nibwo yashoboye kumvisha Abayahudi ko Yezu ari Kristu. Nitugira icyo dusaba mu izina rya Yezu tuzagihabwa : duhamarirwa gusaba kandi tugasaba mu izina rya Yezu Kristu. Yezu atumenyesha Imana Data kandi akaduha Roho Mutagatifu udufasha kumva no gusobanukirwa inyigisho atugezaho akadufasha no gusaba ibikwiye.

Misa yo kuwa 12/05/2013 (Ansensiyo : Yezu asubira mu ijuru),

Mu misa ya mbere (7h00) abakateshiste b'Akarere k'Iyogezabutumwa ka Kibuye bifatanije n'abakristu ba Paruwasi Kongo-Nili guhimbaza umunsi mukuru wa Yezu asubira mu ijuru. Padiri ahereye ku masomo matagatifu (Intu 1, 1-11 ; Z 47 (46) ; Heb 9, 24-28 ; 10, 19-23 na Lk 24, 46-53) yatanze inyigisho yumvikanisha ko Yezu wigize umuntu, amaze guhamagarira abantu kugarukira Imana, akanabagezaho Inkuru Nziza yaherekezwaga n'ibimenyetso byinshi, hakurukiyeho kugambanirwa, abambwa ku musaraba, arapfa arahambwa ariko ku munsi wa gatatu yarazutse. Nyuma y'iminsi 40 abonekera abe kandi arabakomeza. Ntiyagumanye na bo ku buryo buboneshwa n'amaso y'umubiri, yazamuwe mu ijuru. Ukujya mu ijuru kwa Yezu Kristu kwatugiriye akamaro kuko byatumye tubona Roho Mutagatifu uduturamo, akadukomeza, akatwigisha ; akaduha no kubera Kristu abahamya aho turi hose. Yezu wagiye mu ijuru yasize adusezeranyije Roho Mutagatifu uzadufasha mu kumubera abahamya kugera ku mpera z'isi.

2. Abakateshiste twahawe inyigisho

Kuwa **11/5/2013** Inyigisho yatanzwe yibanze kuri **Bikira Mariya umuntu wumva ijambo ry'Imana kandi**

akarikurikiza; **umuntu usenga**; **umuntu usohoza ubutumwa bw'Imana**; **umuntu urangwa n'urukundo, ukwemera n'ukwizera. Bikira Mariya adufitiye akamaro nk'abakristu.**

Padiri Tadeyo MUSABYIMANA ahereye ku Nkuru Nziza uko yanditswe na Luka **(LK 1, 26-55)** yerekanye ko:

- **Bikira Mariya yumvise ijambo ry'Imana, araryakira aranarikurikiza.**

umugore wabwiye Yezu ati "***Hahirwa inda yagutwaye n'amabere yakonkeje!***" (Lk 11, 27), Yezu yaramusubije ati "***Ahubwo hahirwa abumva ijambo ry'Imana bakarikurikiza***" (Lk 11, 28). Ku bw'ayo magambo, Yezu yemeza ko Bikira Mariya ari we wa mbere wumvise ijambo ry'Imana n'umutima we wose, yemera gusama, kubyara no konsa Yezu Kristu Umwana w'Imana. N'ubwo Bikira Mariya atari asobanukiwe neza, yemeye kandi yizera ijambo agejejweho na Malayika Gaburiyeli rigira riti "***Roho Mutagatifu azakumanukiraho (…) ugiye kuvuka azaba intungane, kandi azitwa Umwana w'Imana***" (Lk 1, 35). Bikira Mariya na we atangaza ukwemera kwe muri aya magambo "***Ndi umuja wa Nyagasani; byose bimbeho nk'uko ubivuze***" (Lk 1, 38).

- **Bikira Mariya yahebuje abagore bose umugisha kandi ashaka kuwudusangiza:**

Bikira Mariya asumbya abagore bose umugisha nk'uko Elizabeti abibwirijwe na Roho Mutagatifu abihamya muri aya magambo "***Wahebuje abagore bose umugisha, n'Umwana utwite arasingizwa***" (Lk 1, 42). Bikira Mariya arahirwa kuko yemeye ko ibyo yatumweho na Nyagasani bizaba (Lk 1, 45). Kubera iyo mpamvu amasekuruza yose azamwita umuhire nk'uko we ubwe yabyivugiye (Lk 1, 48). Bikira Mariya yahebuje abagore bose umugisha kandi natwe ashaka kudusangiza kuri uwo mugisha yahawe. Nitumwemerere mu bwiyoroshye bw'umutima maze adufashe kwakira ugushaka kw'Imana no guhamya ukwemera kwacu mu mvugo no mu ngiro.

- **Bikira Mariya yaranzwe no kwiyoroshya:**

Bikira Mariya ari mu buzima bwacu nko mu bukwe bw'i Kana (Yh 2, 1-11); atwigaragariza igihe bibaye ngombwa. I Lurude, i Fatima, iwacu mu Rwanda i Kibeho n'ahandi..., Bikira Mariya yigaragaza nk'umuntu wiyoroshya kandi usohoza ubutumwa bwa Nyagasani akwiye kugira umwanya w'ibanze mu buzima bwacu no mu buzima b'umukristu uwo ariwe wese. Padiri ati "***abakateshiste nimwitoze kubaho nka Bikira Mariya. Yifashishije ikigereranyo 'multiprise' Padiri yabibukije ko muri paruwasi abenshi muribo ni abaririmbyi, abahereza, abagabuzi b'ingoboka b'ukaristiya, bafite uruhare mu miryangoremezo, iy'Agisiyo Gatolika n'ahandi***"... Nka Bikira Mariya rero buri mukateshiste nakoreshwe n'ishyaka afitiye Imana, ndetse n'abantu.

- **Bikira Mariya arasobanuza maze agasobanukirwa mu butumwa bwe:**

Kugira ngo arusheho kumva neza ubutumwa bwe, Bikira Mariya yasobanuje bitarimo ugushidikanya ati "***Bizashoboka bite, kandi nta mugabo mfite?***" (Lk 1, 34). Na buri mukateshiste, muri twe muri uyu mwaka w'ukwemera, nasubire mu nyigisho, asobanukirwe, nibwo abo twigisha bazasobanukirwa. Bikira Mariya yahoraga ashakashaka Imana itarakunze kwigaragaza ku buryo bworoheye abantu (Iz 45, 15). N'ubwo Bikira Mariya yatwaye Yezu mu nda, ntiyarasobanukiwe n'amabanga yose y'Imana; we yayemereye gukorerwaho ugushaka kwayo kandi yahoraga ayishakashaka n'umutima we wose ngo ayimenye birushijeho kuko yiyereka abayishakashaka (Z 5).

Natwe abakateshiste, muri uyu mwaka w'ukwemera duharanire gushakashaka Imana, kuko ihora ikomanga. Nitumushakashaka azadusubiza (Zaburi 34 (33), 5).

Padiri yibukije abakateshiste inshingano bafite mu butumwa bwo kwigisha bategurira abantu batari bacye guhabwa amasakaramentu adutagatifuza, agira ati" Twitonde kuko muri iki gihe **abantu benshi bashaka kuba abakristu ariko badashaka kumenya Imana**; bashaka ibirori kuko bisusurutsa mu itangwa ry'amasakaramentu". Nk'abakateshiste nitumenye niba abo dusabira amasakramentu hari ibyo bemera kandi bazi. Dusigeho gusabira amasakramentu abantu batize, twigana andi madini. **Tubanze twigishe** niba dukeneye abakristu bafite ukwemera; ntawemera icyo atazi kandi kuvuga ngo "**Ndemera**" ntibihagije.

Amasakramentu ni ibimenyesto kandi hirya yabyo hari ukuri bishushanya; twoye kwemera ko amasakramentu yaba ibihendahendesho by'abana umuntu atanga uko yishakiye bigahinduka ibikinisho. Mu masakramentu nta mikino, nitubigishe, utayigiye ntagomba kuyahabwa. Niyo mpamvu **Umukateshiste na we agomba guhora yihugura kugira ngo arusheho kumenya.** Ubushake dufite nibujyane n'ubushobozi. Nitwiyoroshye nka Bikira Mariya maze twemere ko hari ibyo dukeneye kumenya, niduharanire kugira ukwemera kutajegajega twinjira mu ishuri rya Bikira Mariya utarahwemye gushakashaka Imana mu buzima bwe bwose.

- **Bikira Mariya yaranzwe n'ukwemera kujyana n'ukwizera :**

Uko kwemera kwa Bikira Mariya gushingiye ku bushake si ku gahato; byabaye ngombwa ko Imana imutumaho Malayika Gaburiyeli ngo agaragaze ubushake bwe. Yahisemo neza kubera ukwemera; yizeye ibitagaragara kandi asobanukirwa neza adategereje ko byose abyumva. Igihe avuze ati "***byose bimbeho nk'uko ubivuze*****"** ni nkaho yagize ati "***Nyagasani azi ibizambaho byose, niteguye kwakira ugushaka kwe no kugushyira mu bikorwa*****"**.

Nka Bikira Mariya, tugomba kugirira Imana icyizere gishyitse kandi gihoraho, maze tukemera ibyo Kristu yigishije kandi dukomeje kugezwaho na Kiliziya. Muri make, ukwemera kujyana no kumvira kandi kukageza ku kwemera gushyitse ari byo byinjiza mu busabane n'Imana idukunda. Nidukunda Imana bizaduha gusabana na Yo mu kwemera n'isengesho. Nitugirire Imana Data, Kristu na Kiliziya urukundo nyarwo igihe kitararenga.

- **Bikira Mariya ni umuntu usenga:**

Umutuzo n'ubwiyoroshye byaranze Bikira Mariya ni imyifatire y'umuntu usenga kuko ntawusenga asaragurika, adahamye hamwe. **Isengesho** ridusabanya n'Imana kandi rigasigasira urukundo rugakura, kuko iyo rudasigasiwe ruracyendera. Hari isengesho ry'umuntu ku giti cye n'isengesho rya rusange. **Hasenga ufite ukwemera** bityo **isengesho ni ikimenyetso cy'ukwemera nyako.** Tugomba gusenga igihe cyose nk'uko Yezu abitwigiisha mu mugani w'umucamanza n'umupfakazi (Lk 18, 1-8). Kugira ngo tugire isengesho ryiza, tugomba kubanza kwitarura ibiturangaza byose no gutura imitwaro y'umubiri n'iy'umutima (Mt 6, 6). **Ukaristiya** ni ryo sengesho rusange risumba ayandi yose.

- **Isengesho rihoraho :**

Tugomba gusenga buri munsi: amasengesho y'iminsi yose avugwa ku bihe byateganijwe ni yo tubanza gutozwa (mu ngo n'igihe twiga gatigisimu). Niturikomereho muri uyu mwaka w'ukwemera, maze muri buri rugo n'ahantu hose duhorane gahunda y'isengesho. Muri iki gihe abantu badohotse ku isengesho kimwe n'uko bacogoye mu kwemera nk'uko tubisanga mu isengesho ry'umwaka w'ukwemera. Nk'abana bahora bakina kandi bateta iruhande rw'umubyeyi niduhore iruhande rw'Imana mu isengesho tuyisingiza, tuyishimira, tuyiramya kandi tuyisaba ibyo dukeneye byose. Ukwemera kudasigasiwe n'isengesho ntigukura, ntikumara kabiri.

Twese hamwe nidushakashake icyatuma abantu bongera gukunda isengesho. Nk'uko Umubyeyi Bikira Mariya i Kibeho abidusaba : Nidusenge, nidusenge, nidusenge ; nidusenge no mu mwanya w'abadasenga.

Uyu mwaka w'ukwemera nudusubize ku isoko twongere gukunda isengesho.

- **Bikira Mariya ni uwemera kandi utagamburuzwa n'ibigeragezo :**

Bikira Mariya ntagamburuzwa n'ibigeragezo kuko yemera ko ***ntakinanira Imana***. Aho twumva ko bidashoboka, nitumere nka Bikira Mariya, twemere ko « *ntakinanira Imana* » nk'uko Yezu yakunze na we kuvuga ati *« upfa kwemera gusa, umwana wawe arakira* ».

Ukwemera kurakiza kandi ibigeragezo ni byo bishyira ukwemera kwacu ku munzani. Igihe rwari rukomeye, Yezu baramutereranye ndetse inkoramutima ye iramwihakana, nyamara Bikira Mariya yaratwaje agera no ku musaraba aho Yezu Kristu yamuraze abemera bose (Yh 19, 25-27). Mu bigeragezo, Bikira Mariya ntiyigeze acika intege ; nk'uko ntawiringira Uhoraho ngo akorwe n'ikimwaro kimwe n'uko ntawayiyambaje ngo imutererane, Bikira Mariya yakomeje gushyingura byose mu mutima akomeza kandi kubyereka Uhoraho Imana yemera kandi yizera. Muri iki gihe, hari abakristu bahura n'ibigerezo bakerekeza iy'abapfumu, hari abashakira umukiro mu bibatandukanya n'Imana bituma bayibagirwa, batayemera, bagaragaza ko batayiringiye ko batakiyifitemo amizero. Iyo twarwaje cyangwa twarwaye ; iyo turimo twirukanka ku ifaranga cyangwa twaribonye, rimwe na rimwe duta ukwemera nk'ababonye isha itamba bagata urwo baribambaye. Pariri yibukije ko imibanire yacu n'abandi ari cyo gipimo cy'ubukristu bwacu : ibikorwa by'urukundo, igabanuka ry'urwikekwe ku marozi, kudasabana no kutumvikana mu miryango, igabanuka ry'amakimbirane ashingiye ku mitungo yemwe n'amoko, ikuzo n'ibindi… ni ibimenyetso bizerekana ko twivuguruye mu kwemera. Nidukomere ku Mana. Ntitugahungabane, ntitugateshuke ku mizero dukesha Inkuru Nziza tugomba kuruhira ubudahwema (Kol 1, 23). Ntitugahemuzwe n'ibintu, tumenyeko tutakorera Imana na Bintu (Mt 6, 24-25).

- **Bikira ni uwemera, akanyurwa n'Inkuru Nziza akiyemeza kuyishyira abandi.**

Iyo tujyanye ubutumwa, Nyagasani ni we utugenda imbere. Bikira Mariya amaze kwakira Inkuru Nziza azaniwe na Malayika Gabriyeli, ntiyatindiganije yagiye kuyisangiza Elizabeti bituma na we yakira Roho Mutagatifu we wagenewe abemera bose.

Nitugire ishema ryo kwitwa no kugaragaza ko turi "abakristu". Buri wese aho akora agire ishyaka ry'ubukristu, twamamaze ukwemera tutihishahisha. Abakateshiste nidutumikire Imana ducengeza mu bandi ibyo twemera.

- **Twigire kuri Bikira Mariya:**

Padiri ushinzwe Iyobokamana mu Akarere k'Iyogezabutumwa ka Kibuye, yongeye kugaruka ku rugero rwa Bikira Mariya wumva ijambo ry'Imana akarikurikiza, bityo bigatuma aba koko Nyina wa Yezu Kristu Umwana w'Imana nzima kuri roho no ku mubiri (Mt 12, 46-50 ; Lk 8, 19-21) kuko yemera gukora icyo Imana imushakaho (Mk 3, 31-35)

Umurwa mukuru wa Bikira Mariya uteye neza ku buryo ufasha abantu gusenga

- **Inzira y'umusaraba ku musozi wa Kaluvariyo :**

Ku musozi wa Kaluvariyo, abakateshiste basenze bazirikana ububabare bwa Yezu Kristu kuva Pilato amucira urubanza ngo apfe kugeza ashyizwe mu mva.
Iyo nzira isozwa no kuzirikana izuka rya Yezu Kristu riduha amizero. Nyuma y'ububabare bwa hano ku isi, nyuma y'ubuzima buzima duteganyirijwe ubuzima butazima, ubuzima buhoraho. Ni byo bishushanywa n'Ivanjili y'izuka, indirimbo z'umutsindo ziharirimbirwa.

- **Inzira y'ishapule y'ububabare 7 bwa Bikira Mariya :**

Iyo uvuye muri santeri centre y'ubucuruzi ya Kongo-Nili uzamutse gatoya uhita ugera ku nzira y'ishapule y'ububabare 7 bwa Bikira Mariya. Iyo nzira igizwe n'agahanda gateye neza gakubye udukoni karimo amashusho 7 yibutsa ububabare burindwi bw'Umubyeyi Bikira Mariya. Iyo nzira isohoza abari muri iryo sengesho ritagira uko risa ku ishusho ya Bikira Mariya utegeye bose amaboko yiteguye kubakira no kubageza kuri Yezu.

Abakateshiste bakomeje urugendo berekeza ku Ngoro ya Bikira Mariya.

Ingoro ya Bikira Mariya imeze nk'iy'i Banneaux aho Bikira Mariya yabonekeye agatangaza ko ari Umubyeyi w'abakene. Iyo Ngoro irasamaje uyirebeye inyuma, wayigeramo ikaba agahebuzo, harimo ishusho ya Bikira Mariya afite ishapule. Imbere ya Bikira Mariya hapfukamye umwana w'umukobwa usenga, yabonekeye aho i Banneaux. Muri iyi ngoro handitsemo amagambo Bikira Mariya yavugiye i Banneaux, adushishikariza gusenga agira ati « ***Nimwambaze, Nimwambaze, Nimwambaze*** ». Iyo Ngoro uyinjiyemo wese yibuka gupfukama agasenga.
Ibyo biba akarusho iyo uhageze arangije kuzirikana iyo shapule y'ububabare bwa Bikira Mariya nk'uko byagendekeye abakateshiste bo muri Zone Pastorale ya Nyundo/Kibuye. Iyo Ngoro ikikijwe n'ikibuga kigari giteguye neza ahabera Misa z'iminsi mikuru ikomeye nk'Assomption. Abadashoboye kwinjira mu Ngoro basengera kuri icyo kibuga aho baba bumva akayaga keza k'imisozi miremire gahurirana n'akava mu kiyaga cya Kivu umuntu aba yitegeye neza.

Ni muri Kiliziya nziza iteye ubwuzu irimo amashusho matagatifu anyuranye, haba imbere cyangwa inyuma, yose akaba Inkuru Nziza ya Yezu Kristu ishushanyije. Muri iyo Kiliziya ya paruwasi ya Congo-Nil ni ho abakateshiste kimwe n'abandi bakristu bumviraga Misa mu gihe cy'urugendo rutagatifu.
Ni naho bakomeje gukorera isengesho ry'umuntu ku giti cye ndetse n'amasengesho ya mugitondo.

Urugendo nyobokamana rwabaye ubuhamya n'amizero.

Umuntu wese waje muri uru rugendo rutagatifu arubonamo ubuhamya bukomeye, ni ikimenyetso cy'amizero :

- Padiri ushinzwe Iyobokamana muri Zone Pastorale ya Kibuye yagize ati :

« ***Siniyumvishaga ko Paruwasi ya Crêtre Congo Nil yagira ubushobozi bwo kwakira***

abantu basaga 300. Padiri Mukuru Gilbert Ntirandekura n'abo dufatanyije ubutumwa muri service ya catéchèse barabinyijeje none ndemeye! »

-Umwe mu bakateshiste witegereje umubare munini w'abakateshiste yagize ati:
« ***Sinarinzi ko hariho abakateshiste b'igitsinagabo bangana batya! Tumenyereye ko abagabo batabyitabira none abagabo n'abasore ni bo benshi!*** »

-Undi mukateshiste yagize ati:
« ***Kubona abakateshiste bangana batya bimpaye imbaraga. Ntabwo niyumvishaga ko hari abantu bangana batya, byongeye b'ingeri zose, bitangira Inkuru Nziza***».

- Hari n'undi wafashe ijambo ashima abagize iki gitekerezo cyo kubahuriza hamwe mu rwego rw'isengesho ridasanzwe muri uyu mwaka w'ukwemera, yabajije kandi niba amafaranga ibihumbi bibiri (2000Frws) yatangiwe na paruwasi ari yo yamutunze mu gihe yamaze asenga atuje anahabwa inyigisho za roho, aryama neza kandi heza, arya neza... ati: iki gikorwa ni Uhoraho wacyishakiye nabisingirizwe kandi na buri wese wabigizemo uruhare abishimirwe.
-

3. Mu gusoza habayeho gushima no gutanga ibyifuzo:

Umwiherero w'abakateshiste werekeje ku musozo, mu nzu-mberabyombi ya paruwasi Congo Nil, abakateshitse bagaragaje ibyishimo byabo n'ibyifuzo byabo.

Abakateshiste bose bishimiye urugendo nyobokamana bakoze barabigaragaza banifuza ko uru rugendo nyobokamana kuri bo, rutaba urwo mu mwaka w'ukwemera turimo gusa ahubwo ***ngarukamwaka.***

Abakateshiste barishimye baranashima:

- Ubwitange bwa Padiri mukuru wa Congo - Nil Gilbert Ntirandekura na Padiri wungirije Straton Nshimyumuremyi na Mr Antoine Kanyamugenga ndetse n'abakateshiste bose ba paruwasi Congo Nil bitanze batizigama kugira ngo byose bishoboke kandi bigende neza (isengesho, icumbi ifunguro n'ibindi…).
- Abapadiri babo muri paruwasi zose baturutsemo uburyo babafashije kugira ngo bitabire urugengo nyobokamana nk'abakateshiste bose.
- Kuba barahuye bakamenyana kandi bagasenga.
- Ko buri wese yongereye umubare w' inshuti nziza.
- Padiri ushinzwe Iyobokamana muri Kibuye, Padiri mukuru wa Kibingo na Soeur Vestina Niyikora babaherekeje mu rugendo bakoreye hamwe banashimiye na Padiri mukuru wa Paruwasi Mushubati Jean Colbert Nsengimana waje gufatanya n'abapadiri bagenzi be babafasha kwigorora n'Imana bahabwa isakaramentu rya Penetensiya.
- Hashimiwe Nyirubutungane Papa Benedigito XVI watekereje uyu mwaka w'ukwemera kimwe na Papa Fransisco ukomeje kuwudufashamo ngo Kiliziya igere ku ntego yayo.

Soeur Vestine Niyikora
Animatrice Diocésaine de Catéchèse
Zone Pastorale Nyundo/Kibuye